


# Imbwa Na Nyiramuhari

Baudouin Habingabwa
Rob Owen

Kinyarwanda

African Storybook.org



Imbwa na Nyiramuhari byakoreraga Sekamana.

Zamuhigiraga ku manywa.



Nijoro zikararira urugo rwe.



Buri mugoroba Sekamana yaryaga inyama.

Naho Imbwa na Nyiramuhari akaziha amagufa gusa.



Umunsi umwe Nyiramuhari abwira Imbwa ati, "Tugomba kwanga agasuzuguro ka Sekamana. Reka tumutoroke twigendere."



Ariko kubera ko Imbwa yubahaga Sekamana ikanamutinya, yahisemo kuhaguma.

Naho Nyiramuhari irigendera.



Mu mwanya muto, Sekamana aza kubona ko Nyiramuhari yigendeye. Abaza Imbwa ati, "Wa muhigi wanjye w’intwari ari he?" Nuko Imbwa imubwira uko byagenze.



Kuva ubwo Nyiramuhari ntiyagarutse mu rugo.

Ubu Nyiramuhari asigaye ahiga wenyine akarya inyama yihigiye.



Naho Imbwa yo n’ubu iracyarya amagufa.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Imbwa Na Nyiramuhari

**Author** - Baudouin Habingabwa
**Illustration** - Rob Owen
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative 2017
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org